**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka wa 2022,umunsi wa 08, ukwezi ku Ukoboza.

Twebwe, **UDAHEMUKA Adolphe** , umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge, dufashijwe na **UWAMWEZI Rosine,** umwanditsi muri urwo Rukiko,

Tumaze kubona urubanza RP 00452/2021/TGI/NYGE, Ubushinjacyaha buregamo MUKANKUSI Charlotte , icyaha cy`inyandiko mpimbano no kunyereza umutungo.

Tumaze kubona ko urubanza rwahamagawe kuburanishwa kuwa 08/12/2022 saa mbiri MUKANKUSI Charlotte atitabye Ubushinjacyaha bukavuga ko bwamureze nk'uwatorotse ubutabera bushingiye ko atigeze aboneka ngo abazwe; busaba ko yahamagazwa nk'uko amategeko abiteganya.

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko n°027/2019 ryo kuwa 19/9/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, iteganya ko iyo ukurikiranyweho icyaha atashoboye gufatwa kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera, yaba ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga, Ubushinjacyaha bumukorera dosiye bukayishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha n'ubwo yaba atarabajijwe. Nyuma yo gushyikirizwa dosiye, urukiko rufata icyemezo kimutegeka kwitaba mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko.

Ingingo y' 161 y'iri tegeko igateganya ko " Mu gihe cy'iminsi umunani (8) icyemezo kivugwa mu ngingo y' 160 y'iri tegeko kimanikwa ahabigenewe ku rukiko rwagifashe kandi kigatangazwa mu gitangazamakuru cyemejwe n'urukiko."

Dutegetse ko MUKANKUSI Charlotte ahamagazwa mu buryo buteganywa mu ngingo zivuzwe haruguru akazitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge kuwa 30/12/2022 saa mbiri za mu gitondo kugira ngo yiregure ku byaha ashinjwa.

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru ``IMVAHO NSHYA``no kuri Web site y`Urukiko rw`Ikirenga.

**BITEGETSWE KANDI BYEMEJWE BITYO NONE KUWA 08/12/2022.**

**UDAHEMUKA Adolphe**

**Umucamanza**

**UWAMWEZI Rosine**

**Umwanditsi**